AMABWIRIZA N°09 AGENGA IMIYOBORERE Y'AMASOSIYETE MU RWEGO RW'ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE, 2012

Gishingiye ku Itegeko n° 11/2011 ryo kuwa 18/05/2011 rishyiraho Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane , cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3 n'iya 4;

Gishingiye ku Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga Isoko ry'imari n'imigabane, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 74;

Gishingiye ku Itegeko n° 40/2011 ryo ku wa 20/09/2011 rigenga ibigega by'ishoramari by'abishyizehamwe mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64;

Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda cyitwa "IKIGO" mu ngingo zikurikira, cyemeje amabwiriza akurikira:

<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo aya Mabwiriza agamije

Aya Mabwiriza agamije gufasha amasosiyete kugira inama z'ubutegetsi n'ubuyobozi birangwa n'imiyoborere n'imicungire izira amakemwa kandi inyuze mu mucyo. Aya Mabwiriza kandi ashyiraho uburyo sosiyete

THE CAPITAL MARKET CORPORATE GOVERNANCE CODE N° 09, 2012

Pursuant to the Law N° 11/2011 of 18/05/2011 establishing the Capital Markets Authority especially in its articles 3 & 4

Pursuant to the Law N° 01/2011 of 10/02/2011 regulating the Capital market, especially in its article 74,

Pursuant to the Law No 40/2011 of 20/09/2011 regulating the Collective Investment Schemes especially in its article 64;

The Capital Market Authority hereinafter referred to as the "AUTHORITY", decrees:

<u>Article 1:</u> Purpose of the code

The purpose of this code is to ensure that companies are directed and managed at board and management level in a fair and transparent manner. It provides guidance on how the objectives of the company are set and

CODE N°09 DE GOUVERNEMENT D'ENTREPRISE DES SOCIETES DANS LE CADRE DU MARCHE DES CAPITAUX, 2012

Vu la Loi n° 11/2011 du 18/05/2011 portant création de l'Autorité des marchés des capitaux, spécialement en ses articles 3 et 4 ;

Vu la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda, spécialement en son article 74 ;

Vu la Loi n° 40/2011 du 20/09/2011 portant régulation des fonds d'investissements collectifs au Rwanda, spécialement en son article 64,

L'Autorité des marchés des capitaux, ci-après dénommée " l'AUTORITE", adopte le Code suivant:

<u>Article premier:</u> Objet du présent Code

Le présent Code a pour objet de permettre de s'assurer que les sociétés sont dirigées et gérées d'une manière juste et transparente par leur Conseil d'administration et leur direction. Il fournit des directives sur la manière dont les

ikurikiza kugira ngo ishyireho intego zayo kandi inashobore kuzigeraho. Yerekana kandi n'uburyo sosiyete ishobora gukurikirana kandi igasuzuma ibibazo ishobora guhura na byo kandi ikanagera ku mikorere myiza.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya mabwiriza, uretse ighe byaba biteganijwe ukundi :

"Umugenzuzi w'imari " bivuga umugenzuzi w'imari wigenga uri mu Rugaga Nyarwanda rw'Ababaruramari b'Umwuga;

"Ikigo" bivuga Ikigo cya Leta gishinzwe ibijyanye n'isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda;

"**Sosiyete**" bivuga sosiyete yashinzwe hakurikijwe Itegeko ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi ryo mu mwaka wa 2008 nkuko ryavuguruwe kugeza ubu;

"**Ugize Inama y'ubutegetsi**", bivuga umuntu ugize Inama y'ubutegetsi ya sosiyete (hatitawe ku kuntu umwanya afite waba witwa) ndetse n'undi muntu wese usanzwe aha amategeko n'amabwiriza (aya mabwiriza agomba kuba atari inama abagira mu rwego rw'akazi) abayobozi b'iyo sosiyete bakayubahiriza;

"**Ugize inama y'ubutegetsi wigenga**", bivuga mu rwego rwa sosiyete, umuntu ugize inama

achieved, how risk is monitored and assessed, and how performance is optimized.

Article 2: Definitions

In this Code, unless the context otherwise requires:

"**Auditor"** means an external auditor that is a member of the Institute of Certified Public Accountants of Rwanda;

"Authority" means the Capital Markets Authority;

"Company" means a company under the law related to Companies of 2008 as amended to date;

"director", in relation to a body corporate, includes a person occupying in relation to it the position of a director (by whatever name called) and any person in accordance with whose directions or instructions not being advice given in a professional capacity the directors of that body are accustomed to act;

"Independent director", in relation to a body corporate, means a director:

objectifs de la société sont fixés et atteints et dont les risques sont maîtrisés et évalués et dont les performances sont optimisées.

Article 2: Définitions

Aux fins du présent Code et à moins que le contexte n'exige une interprétation contraire :

«**Auditeur»** désigne un auditeur externe qui est un membre de l'Institute of Certified Public Accountants du Rwanda;

«**Autorité**» désigne l'Autorité du marché des capitaux;

«**Société**» désigne une société créée en vertu de la Loi de 2008 relative aux sociétés commerciales ;

«**Administrateur** », désigne, par rapport à une personne morale, une personne occupant par rapport à elle le poste d'administrateur (quel qu'en soit la dénomination) et toute personne dont les directives ou instructions non donnés à titre professionnel auxquelles les dirigeants de cette personne morale sont habitués à se conformer;

«**Administrateur indépendant**» désigne, dans le cadre d'une personne morale, un

y'ubutegetsi:

(i) utarigeze aba umukozi wa sosiyete ari ku rwego rw'ubuyobozi kandi ibyo bikaba bitarabaye mu gihe cy'imyaka ibiri (2) iheruka;
(ii) utarigeze akorana na sosiyete ayibera umujyanama cyangwa impuguke itanga serivisi cyangwa se ngo abe yarigeze aba mu buyobozi bwa sosiyete cyangwa se umuntu ugurisha sosiyete ibyo ikeneye cyangwa umukiriya wayo w'imena mu myaka ibiri (2) iheruka kandi akaba atarigeze akorana ibikorwa by'ubucuruzi na sosiyete uretse kuba yarayikoreye serivisi nk'umwe mu bagize Inama y'ubutegetsi kandi ibyo sosiyete ikaba yari ifite inshingano yo kubimenyekanisha;
(iii) udafite amasezerano ye bwite y'akazi yagiranye na sosiyete cyangwa se yagiranye n'umwe mu bagize ubuyobozi bwa sosiyete;
(iv) udafitanye isano ya hafi yo mu muryango n'umwe mu bavuzwe haruguru;
(v) utarigeze agirana imikoranire n'imwe yavuzwe haruguru n'ukorana na sosiyete ibikorwa.

"Byemewe" bivugako ibicuruzwa ku isoko ryimari n'imigabane by'iyo sosiyete byemewe ku isoko ry'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane ryemewe n'Ikigo;

(i) Who has not been employed by the company in an executive capacity within the last two years;
(ii) Is not associated with an adviser or consultant to the company or a member of the company's senior management or a significant supplier or customer of the company or within the last two years and has not had any business relationship with the company other than service as a director for which the company has been required to make disclosure;
(iii) Has no personal service contract/s with the company or with a member of the company's senior management;
(iv) Is not a member of the immediate family of any person described above;
(v) Has not had any of the relationships above with an affiliate of the company;

"Listed" means that the securities of the company in question are accepted for listing on a securities exchange approved by the Authority;

administrateur qui :

(i) n'a pas été employé par la société dans une capacité d'exécution pendant les deux dernières années ;
(ii) n'est pas associé à un conseiller ou un consultant de la société ou l'un des cadres supérieurs de la société ou un fournisseur ou un client important de la société et qui, au cours des deux dernières années, n'a eu aucune relation commerciale avec la société autre que celle d'administrateur pour laquelle la société a été requise de divulguer;
(iii) n'a pas de contrat (s) de services personnel (s) avec la société ou avec l'un des cadres supérieurs de la société;
(iv) n'est pas un membre de la famille immédiate d'une quelconque des personnes décrites ci-dessus;
(v) n'a pas eu aucune des relations ci-dessus avec une filiale de la société;

«**Coté**» signifie que les titres de la société en question sont admis à la cotation sur une bourse de titres approuvée par l'Autorité;

"Abayobozi basanzwe " bivuga abayobozi bashyirwa mu nama y'ubutegetsi ariko bakaba badasanzwe bakorera sosiyete ariko na none bitewe n'uko batujuje ibisabwa kugira ngo bitwe abagize inama y'ubutegetsi bigenga bakaba badashobora gufatwa nk'abagize inama y'ubutegetsi bigenga;

"Abagize inama y'ubutegetsi bari mu buyobozi":bivuga abantu bashyirwa mu Nama y'ubutegetsi bakaba bari basanzwe bafite imyanya mu buyobozi bukuru bwa sosiyete kandi kugira ngo hirindwe gushidikanya uko ari ko kose bakaba barimo Umuyobozi w'ubuyobozi bukuru cyangwa se Umuyobozi w'Inama y'ubutegetsi. Mu rwego rwo kwirinda gushidikanya uko ari ko kose, Umuyobozi w'ubuyobozi bukuru (CEO) bivuga umuntu uyobora ubuyobozi bukuru bwa sosiyete hatitawe ku nyito ahabwa bitewe n'umwanya afite kandi akaba ashobora kuba ari Umuyobozi w'ubuyobozi bukuru cyangwa Umuyobozi Mukuru;

"**Mwene wabo wa haf**i" bivuga umugore n'abana b'umuntu uyu n'uyu uri mu nama y'ubutegetsi'

"Isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane " bivuga sosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ivugwa mu Itegeko ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi ryo mu mwaka wa 2008;

"Non-Executive Directors" are persons who are appointed to the Board and who are not currently employed by the company, but who, either because they do not qualify to be an independent director or otherwise, cannot be considered an independent director;

"Executive Directors" are persons who are appointed to the Board and concurrently hold a senior management position in the company and for the avoidance of doubt includes the CEO or the general manager. For the avoidance of doubts, the CEO refers to a person who performs the functions of chief executive of the company, by whatever name called, and typically includes the general manager and managing director;

"An 'immediate family member" means the spouse and children of the particular director;

"Public company" is a public company as defined in the law related to Companies 2008;

«**Administrateur non dirigeant**» désigne des personnes qui sont nommés au Conseil d'administration et qui ne sont pas actuellement employé par la société, mais qui, soit parce qu'ils ne se qualifient pas comme administrateurs indépendants ou autres, ne peuvent pas être considérés comme administrateurs indépendants ;

«Administrateurs dirigeants» désigne des personnes qui sont nommées au Conseil d'administration et qui occupent simultanément un poste de direction dans la société et, pour éviter toute confusion, comprennent le Président Directeur General (PDG) ou le directeur général. Pour éviter toute confusion, le PDG désigne une personne qui exerce les fonctions de directeur général de la société, quel que soit sa dénomination et comprend généralement le PDG et le Directeur général ;

«**Membre de la famille immédiate**» désigne le conjoint et les enfants d'un administrateur donné ;

«**Société publique**» désigne une société publique telle que définie dans la Loi de 2008 relative aux sociétés commerciales;

"**Umugabane**" bivuga umugabane uhererekanwa utanga uburenganzira bwo kugira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo muri sosiyete ;

"Umunyamigabane" bivuga umuntu ufite ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bitanga uburenganzira bwo kugira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo muri sosiyete ;

"**Bitemewe**" bivugako ibicuruzwa ku isoko ryimari n'imigabane by'iyo sosiyete bitemewe ku isoko ry'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane ryemewe n'Ikigo;

<u>Ingingo ya 3:</u> Ibirebwa n'aya Mabwiriza

Aya Mabwiriza agenga amasosiyete yose yemerewe gukorera ku isoko ry'imari n'imigabane hatitawe ku miterere y'ibikorwa byayo by'ubucuruzi.

Andi masosiyete ahamagarira rubanda kuyaguramo imigabane arashishikarizwa byimazeyo kubahiriza ibikubiye muri aya Mabwiriza. Ni muri urwo rwego kandi sosiyete zigenga cyane cyange iziteganya gusaba kwemererwa gukorera ku isoko ry'imari n'imigabane zirashishikarizwa kubahiriza ibikubiye muri aya Mabwiriza.

Amasosiyete yose yemerewe gukorera ku isoko ry'imari n'imigabane ashishikarizwa kubahiriza ku bushake ibikubiye muri aya

"Share" means a transferable security carrying voting rights in a company;

"Shareholder" means a holder of a transferable security carrying voting rights in a company;

"**Unlisted"** means that the securities of the company in question are not accepted for listing on a securities exchange approved by the Authority.

<u>Article 3:</u> Scope of the code

The Code applies to all listed companies, regardless of the nature of their business.

Other public companies are strongly encouraged to comply with the provisions of the Code. Likewise, private companies, and especially those that intend to be listed, are encouraged to comply with the provisions of the Code.

All listed companies will be encouraged to voluntarily comply with the Code with effect from day it is published in the Official Gazette

«**Action**» désigne un titre transmissible assorti de droit de vote dans une société;

«**Actionnaire**» désigne un détenteur d'un titre transmissible assorti de droit de vote dans une société;

«**Non coté**» signifie que les titres de la société en question ne sont pas admis à la cotation sur une bourse de titres approuvée par l'Autorité.

<u>Article 3:</u> Champ d'application du présent Code

Le présent Code s'applique à toutes les sociétés cotées, quelle que soit la nature de leurs activités.

D'autres sociétés publiques sont fortement encouragées à se conformer aux dispositions du présent Code. De même, les sociétés privées et en particulier ceux qui ont l'intention de se faire coter sont encouragés à se conformer aux dispositions du présent Code

Toutes les sociétés cotées sont encouragés à se conformer volontairement aux dispositions du présent Code à compter du jour de sa

Mabwiriza guhera igihe atangarijwe mu Igazeti ya Repubulika y'u Rwanda. Guhera ku itariki ya 1 Mutarama 2013, amasosiyete yose yemerewe gukorera ku isoko ry'imari n'imigabane azaba afite inshingano zo kubahiriza aya Mabwiriza keretse igihe hari ingingo yihariye isonera sosiyete iyi n'iyi inshingano yo kubahiriza aya Mabwiriza.

of the Republic of Rwanda. With effect from 1 January 2013, the Code will be mandatory for all listed companies, unless a specific provision is expressly exempted from such mandatory compliance.

publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Le présent Code aura force obligatoire pour toutes les sociétés cotées à partir du 1er janvier 2013 à moins qu'une disposition spécifique prévoit expressément une dérogation à une telle application obligatoire.

<u>UMUTWE WA I</u> : INAMA Y'UBUTGETSI

<u>CHAPTER I</u>: THE BOARD

<u>CHAPITRE PREMIER</u>: CONSEIL D'ADMINISTRATION

<u>Ingingo ya 4:</u> Inama y'ubutegetsi ikora neza

Buri sosiyete igomba kuyoborwa n'Inama y'Ubutegetsi ikora neza kandi ifite inshingano yo gusobanurira abanyamigabane ba sosiyete uburyo buzuza inshingano zabo ndetse igihe bibaye ngombwa bakaba bafite inshingano yo gusobanurira abandi banyamigabane uburyo buzuza inshingano zabo. Muri abo banyamigabane bandi harimo abo sosiyete ibereyemo imyenda n'abakozi bayo.

Abagize Inama y'ubutegetsi bahuriye ku nshingano yo gufasha sosiyete kugira imikorere myiza kandi ibyo bakabikora bayobora kandi bakagenzura ibikorwa bya sosiyete uko bikwiye.

Buri wese mu bagize Inama y'ubutegetsi agomba kuba afite ubumenyi bukwiye bukenewe kugira ngo yubahirize inshingano ze. Ubwo bumenyi bushobora kugaragazwa n'uburambe amaze kugira. Bumwe mu

<u>Article 4:</u> Effective Board

Every company must be headed by an effective Board of Directors which is accountable to the shareholders and, as the circumstances may require, to other stakeholders, including creditors and employees of the company.

The Board is collectively responsible for promoting the success of the company by directing and supervising the company's affairs.

Each director must be well qualified to carry out his duties. Such qualifications can be shown through relevant prior experience. As a guide, the following basic qualifications and professional competencies must be exhibited:

<u>Article 4:</u> Conseil d'administration efficace

Chaque société doit être dirigée par un Conseil d'administration efficace, qui est responsable devant les actionnaires et, lorsque les circonstances l'exigent, aux autres intervenants au nombre desquels figurent les créanciers et les salariés de la société.

Le Conseil d'administration est collectivement responsable de la promotion du succès de la société en dirigeant en supervisant les affaires de la société.

Chaque administrateur doit être bien qualifié pour pouvoir accomplir ses fonctions. Cette qualification peut être prouvée par son expérience antérieure en cette matière. A titre d'exemple, les qualifications et les

bumenyi n'ubushobozi bw'ibanze agomba kugaragaza ni ubu bukurikira:

(i) Kurangwa n'ubunyangamuganyo mu byo akora ku giti cye no mu byo akora mu rwego rw'imirimo ashinzwe.
(ii) Kurangwa n'ubwenge n'ubushobozi mu gufata ibyemezo bikwiye;
(iii) Kugira ubushobozi bwo gusoma no gusobanukirwa inyandiko z'ibaruramari.
(iv) Kuba azwiho kugira uburambe mu by'ubucuruzi no kurangwa no kuba yarageze ku bikorwa by'ubucuruzi bityo bigatuma agira uruhare rufatika mu micungire ya sosiyete.
(v) Kugira ubushobozi bwo gukorana n'abandi kandi ibyo akabikora yubahiriza inshingano ze, afata ibyemezo bihamye kandi akarangwa n'ubufatanye.
(vi) Kugira ubushobozi bwo gukorana n'abakozi ba sosiyete no kubagisha inama kugira ngo afashe sosiyete kubahiriza ibipimo ngenderwaho by'imikorere inoze.
(vii) Kuba azwiho kugira umumenyi n'uburambe ndetse n'ubushobozi bwo gutekereza agamije intego no kureba kure.

Buri wese mu bagize Inama y'ubutegetsi agomba kuba ashoboye kandi yiteguye

(i) Integrity in personal and professional dealings.
(ii) Wisdom and ability to take appropriate decisions;
(iii) Ability to read and understand financial statements;
(iv) An acknowledged record of business acumen and achievement so as to effectively contribute to the company's management;
(v) Ability to deal with others with a sense of responsibility, firmness, and cooperation;
(vi) Ability to interact with and consult with the company's employees in order to achieve high management standards;
(vii) A track record of a range of skills and experience as well as the ability to think strategically and with foresight.

Each director must be able and prepared to

compétences professionnelles de base suivantes doivent être prouvées:

(i) intégrité dans les relations personnelles et professionnelles.
(ii) sagesse et capacité de prendre les décisions appropriées ;
(iii) capacité de lire et de comprendre les états financiers ;
(iv) être reconnu pour son sens aigu des affaires et ses réalisations de manière à contribuer efficacement à la gestion de la société ;
(v) capacité de travailler avec les autres avec un sens de responsabilité, de fermeté et de coopération ;
(vi) capacité d'interagir et de se consulter avec les employés de la société afin d'atteindre les normes de gestion élevées.
(vii) faire preuve d'une série de compétences et d'expérience ainsi que d'une capacité de penser stratégiquement et avec prévoyance.

Chaque administrateur doit être capable et prêt

gukoresha imbaraga no gufata umwanya uhagije akawugenera ibikorwa bijyanye n'inshingano ze nk'umwe mu bagize Inama y'ubutegetsi. Mu rwego rwo kwizerako umuntu uyu n'uyu uri mu bagize Inama y'ubutegetsi afite umwanya uhagije wo kuzuza inshingano ze, ni ngombwa ko atajya mu nama z'ubutegetsi zirenze eshatu (3) z'amasosiyete ahamagarira rubanda kuyaguramo imigabane yemerewe gukorera ku isoko ry'imari n'imigabane.

Buri wese mu bagize Inama y'ubutegetsi agomba kugirira akamaro Inama y'ubutegetsi yaba cyangwa ataba ari umwe mu bayigize wigenga kandi akarangwa no kutabogama no kwigenga iyo yubahiriza inshingano ze n'iyo afata ibyemezo.

Buri wese mu bagize Inama y'ubutegetsi agomba kumenyekanisha ikintu cyose cyatuma agira ikibazo cy'igongana ry'inyungu kandi akirinda kugira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo ibi n'ibi bifitanye isano n'iryo gongana ry'inyungu.

Ubusanzwe abagize inama z'ubutegetsi za sosiyete zemerewe gukorera ku isoko ry'imari n'imigabane nta manda bagira. Nyamara ariko bitewe n'igihe n'imbaraga basabwa kugira ngo bubahirize inshingano zabo nka bamwe mu bagize inama y'ubutegetsi ya sosiyete yemerewe gukorera ku isoko ry'imari n'imigabane, ni byizako batarenza imyaka itandatu (6) bari mu nama y'ubutegetsi. Ni yo

devote sufficient time and effort to his duties as a director. To ensure a director has sufficient time to undertake his or her duties, an individual director should not hold directorships in more than three (3) Boards of public listed companies.

Each director should add value to the Board and, whether or not an independent director, bring an independent and objective judgment to bear on their duties and decision making.

Each director must disclose any conflict of interests he may face and abstain from any decision making process where he is so conflicted.

No term limit will be set for directors of listed companies generally. However, given the time and effort that directors are expected to spend in executing their duties as listed company directors; it is strongly recommended that directors do not continue as directors for more than a maximum of six (6) years. In this regard, it is strongly recommended that one

à consacrer suffisamment de temps et d'efforts à l'accomplissement de ses fonctions d'administrateur. Pour s'assurer qu'un administrateur dispose de suffisamment de temps pour accomplir ses fonctions, il est interdit à un administrateur d'être un administrateur dans plus de trois (3) conseils d'administration des sociétés cotées.

Chaque administrateur doit contribuer à l'augmentation de l'efficacité de la société et, qu'il soit un administrateur indépendant ou non, émettre un jugement indépendant et objectif sur ses fonctions et sa prise de décision.

Chaque administrateur doit déclarer tout conflit d'intérêts auquel il peut être confronté et s'abstenir de participer à tout processus de prise de décisions où il est confronté à ce genre de conflit.

Les membres du Conseil d'administration des sociétés cotées n'ont pas généralement un mandat fixe. Toutefois, étant donné le temps et les efforts que les administrateurs sont tenus de consacrer à l'accomplissement de leurs fonctions d'administrateurs des sociétés cotées; il est fortement recommandé que les administrateurs ne continuent pas d'exercer les

mpamvu ari byizako kimwe cya gatatu cy'abagize Inama y'ubutegetsi bagomba kurangiza manda yabo inshuro imwe buri myaka ibiri kugira ngo Inama y'ubutegetsi ishobore gukomeza gukora kandi ibyo bikanatuma ishyirwamo amaraso mashya ikeneye.

Kugira ngo Inama y'ubutegetsi ishobore gukora neza, umubare usabwa kugira ngo inama zayo zishobore guterana ugomba kuba ugizwe na benshi mu bagize inama y'ubutegetsi batari mu buyobozi bwa sosiyete n'uw'abagize inama y'ubutegetsi bigenga.

<u>Ingingo ya 5:</u> Abagize Inama y'ubutegetsi

Inama y'ubutegetsi igomba kuba igizwe n'abantu benshi kugira ngo muri bo habe harimo abantu bafite ubuzobere n'uburambe bitandukanye kugira ngo bafashe sosiyete kuzuza ibyo isabwa ibi n'ibi no gukora neza ibikorwa byayo by'ubucuruzi. Ubusanzwe igipimo mpuzamahanga ngenderwaho cyerekanako abagize inama y'ubutegetsi bagomba kuba bari hagati ya barindwi (7) n'icumi (10) bitewe n'uko sosiyete ingana.

Kugira ngo Inama y'ubutegetsi ikore ku buryo bufatika, yirinde kubogama kandi irangwe n'ibitekerezo binyuranye, mu bayigize hagomba kuba harimo abari mu buyobozi, abagize inama y'ubutegtsi basanzwe ndetse

third of the Board should be required to retire once every two years to ensure some degree of continuity whilst ensuring that the Board is adequately refreshed.

To ensure that the Board is effective, any quorum for Board meetings must comprise a majority of non-executive and or independent directors.

<u>Article 5:</u> Composition of the Board

The size of the Board should be large enough to include directors with diverse expertise and experience to suit the specific requirements of a company and its business. As a guide, the international benchmark on board sizes range from 7 to 10 directors, depending on the size of the company.

To ensure active, unbiased and diverse advice is brought to the company, the Board should have a mix of executive, non-executive and independent directors.

fonctions d'administrateurs pour plus de six (6) ans. À cet égard, il est fortement recommandé que le mandat d'un tiers des membres du Conseil d'administration arrive à terme une fois tous les deux ans afin d'assurer une certaine continuité du Conseil d'administration, tout en veillant à ce que le Conseil soit suffisamment rafraîchi avec de nouveaux membres.

Pour s'assurer de l'efficacité du Conseil d'administration, le quorum nécessaire pour que le Conseil d'administration puisse se réunir doit comprendre une majorité d'administrateurs non dirigeants et/ou indépendants.

<u>Article 5:</u> Composition du Conseil d'administration

La taille du Conseil d'administration doit être suffisamment importante pour inclure les administrateurs possédant une expertise et une expérience nécessaires diversifiées pour répondre aux exigences spécifiques d'une société et de ses activités. A titre d'exemple, la norme internationale relative à la taille du Conseil d'administration varie de 7 à 10 administrateurs, en fonction de la taille de la société.

Pour s'assurer que la société se voit fournir des conseils actifs, sans parti pris et diversifiés, le Conseil doit se doter d'une combinaison d'administrateurs dirigeants, non dirigeants et

n'abagize inama y'ubutegetsi bigenga.
Nibura kimwe cya kabiri (1/2) cy'abagize Inama y'ubutegetsi kigomba kuba kigizwe n'abagize inama y'ubutegetsi basanzwe kandi abenshi muri aba akaba ari abagize inama y'ubutegetsi bigenga.

Nibura babiri mu bagize Inama y'ubutegetsi bagomba kuba ari abagize Inama y'ubutegetsi bari mu buyobozi. Umwe muri abo babiri kandi agomba kuba ari umuyobozi w'ubuyobozi bukuru (CEO).

Inama y'ubutegetsi igomba kuvugura ku buryo ngaruka umubare w'abayigize n'uko igomba kungana.

<u>Ingingo ya 6:</u> Ishyirwaho ry'abagize Inama y'ubutegetsi bashya/ Gusubiza mu Nama y'ubutegetsi bamwe mu bari bayisanzwemo

Komisiyo ishinzwe gushyiraho abagize Inama y'ubutegetsi igomba gushaka abakandida bujuje ibisabwa kugira ngo bashyirwe mu Nama y'Ubutegetsi cyangwa kugira ngo bongere kuyisubizwamo kandi ikageza imyanzuro n'ibyifuzo byayo ku Nama y'ubutegetsi.

Mu gushyiraho abagize Inama y'ubutegetsi bashya, Komisiyo ishinzwe gushyiraho abagize Inama y'ubutegetsi igomba kureba uko bakuzuzanya mu buzobere bwabo no mu bumenyi bwabo kugira ngo babe barushaho

At least half the Board should comprise non-executive directors, with a majority of such non-executive directors being independent directors.

At least two members of the Board should be executive directors. One such director must include the Chief Executive Officer ('CEO').

The board should periodically review its size and composition.

<u>Article 6:</u> Nomination of New/ Re-election of existing Board Members

The Nominating Committee should identify suitable candidates for Board appointments or reappointments and make recommendations to the Board.

When nominating new directors, the Nominating Committee should consider the mix of directors' characteristics, Experiences, Diverse perspectives and skills that is most

indépendants.

Au moins la moitié des membres du Conseil d'administration doivent comprendre des administrateurs non dirigeants dont la majorité est constituée d'administrateurs indépendants.

Au moins deux membres du Conseil d'administration doivent être des administrateurs dirigeants dont l'un d'entre eux doit être le Président directeur général (PDG).

Le Conseil d'administration doit t revoir périodiquement sa taille et sa composition.

<u>Article 6:</u> Nomination de nouveaux membres du Conseil d'administration/ Réélection des membres du Conseil existants

La Commission de nomination doit identifier les candidats appropriés pour leurs nominations aux Conseil d'administration ou leur renouvellement de mandat et émettre des recommandations au Conseil d'administration.

La Commission de nomination doit, lors de la nomination de nouveaux administrateurs, envisager la combinaison des caractéristiques, des expériences, des perspectives et des

kugirira akamaro sosiyete.

Abanyamigabane bagomba guhabwa umwanya wo gutoranya abakandida bo kujya mu Nama y'Ubutegetsi bakamenyeshwa ubwo burenganzira bwabo mu itangazo ribagezwaho mu gihe cy'iminsi nibura 21 kugira ngo bashobore gutoranya abakandida. Umukandida wese utoranijwe n'abanyamigabane agomba gusuzumwa na Komite ishinzwe gushyiraho abagize Inama y'ubutegetsi hakurikijwe ibishingirwaho mu kubashyiraho bivugwa mu gika kibanziriza iki.

Abakandida bose bashaka kujya mu Nama y'ubutegetsi bagomba guha Komisiyo ishinzwe gushyiraho abagize Inama y'ubutegetsi nibura amakuru akurikira:

i) amashuri bize;
ii) uburambe bafite;
iii) inama z'ubutegetsi basanzwe barimo;
iv) inyungu iyi n'iyi baba bafite muri sosiyete;
v) Igihe ari abagize Inama y'ubutegetsi bigenga cyangwa basanzwe, kugaragaza iyindi sano yose ishobora kuba yababuza gufata ibyemezo mu bwigenge cyangwa ku buryo butabogamye.

Inama y'ubutegetsi igomba gutanga nibura amakuru avugwa mu gaka (d) kabanziriza iki abakandida bashyikiriza abanyamigabane

appropriate for the company.

Shareholders should have an opportunity to nominate Board candidates, with at least 21 days notice provided to shareholders to allow them to make their nominations. Any shareholder nomination should be reviewed by the Nominating Committee in accordance with the criteria set out in the preceding Paragraph.

All candidates seeking to be a director must submit at least the following information to the Nominating Committee:

i) education,
ii) experience,
iii) current directorships.
iv) any interests in the company, and
v) in the case of independent and non-executive directors, any other affiliation that may affect the director's ability to make Independent and Impartial decisions.

The Board must release at least the Information provided in the preceding sub-

compétences diverses des administrateurs qui est la mieux appropriée pour la société.

Les actionnaires doivent avoir la possibilité de désigner des candidats au Conseil, après un avis d'au moins 21 jours adressé aux actionnaires pour leur permettre de proposer des candidatures. Toute candidature proposée par les actionnaires doit être examinée par la Commission de nomination conformément aux critères énoncés à l'alinéa précédent.

Tous les candidats désireux d'être administrateurs doivent soumettre à la Commission de nomination au moins les informations suivantes:

i) études faites;
ii) expérience,
iii) societies dans lesquelles ils sont actuellement administrateurs ;
iv) quelconques intérêts qu'ils ont dans la société ;
v) dans le cas des administrateurs indépendants et non dirigeants, tout autre lien qui peut affecter la capacité de l'administrateur à prendre des décisions indépendantes et impartiales.

Le Conseil d'administration doit communiquer à tous les actionnaires au moins les

bose. Ayo makuru afasha kugereranya ubushobozi n'uburambe by'abakandida bityo hagatoranywa abandida barusha abandi ubushobozi n'uburambe kandi agafasha n'abanyamigabane gufata ibyemezo bafite ibyo bashingiyeho bifatika.

Ingingo ya 7: Umuyobozi w'inama y'ubutegetsi n'Umuyobozi w'ubuyobozi bukuru (CEO) bagomba kuba ari abantu batandukanye

Umuyobozi w'Inama y'ubutegetsi n'Umuyobozi w'ubuyobozi bukuru bagomba kuba ari abantu batandukanye kugira ngo hatabaho kwikubira ububasha kandi ibyo bikanatuma basobanura uburyo bubahiriza inshingano zabo.

Sosiyete igomba kugaragaza isano iri hagati y'Umuyobozi w'Inama y'ubutegetsi n'Umuyobozi w'ubuyobozi bukuru (CEO) igihe bafitanye isano.

Umuyobozi w'Inama y'ubutegetsi agomba kubahiriza ibisabwa ku bagize inama y'ubutegetsi bigenga.

Inama y'ubutegetsi igomba kugaragaza neza kandi mu nyandiko inshingano z'Umuyobozi w'Inama y'ubutegetsi n'iz'umuyobozi w'ubuyobozi bukuru (CEO).

paragraph (d) submitted by the candidates to all shareholders. This Information will assist in comparing director candidates and identifying the most suitable person, as well as enable shareholders to make informed decisions.

Article 7: Separation of Chairman and CEO

The Chairman and CEO must be separate persons, to ensure an appropriate balance of power and increased accountability.

A company must disclose the relationship between the Chairman and CEO where they are related to each other.

The Chairman must meet the criteria for independent directors.

The division of responsibilities between the Chairman and CEO must be clearly established and set out in writing by the Board.

informations fournies au sous-alinéa (d) précédent soumises par les candidats. Ces informations aident à comparer les candidats administrateurs et à identifier la personne la plus appropriée, ainsi qu'à permettre aux actionnaires de prendre des décisions éclairées.

Article 7: Séparation du président du Conseil d'administration et du PDG

Le président du Conseil d'administration et le PDG doivent être des personnes distinctes afin de s'assurer d'un équilibre approprié du pouvoir et d'une reddition des comptes accrue.

Une société doit donner des informations sur le lien entre le président du Conseil d'administration et le PDG s'ils ont un certain lien.

Le président du Conseil d'administration doit répondre aux critères requis pour les administrateurs indépendants.

La répartition des responsabilités entre le président du Conseil d'administration et le PDG doit être clairement établie et énoncée par écrit par le Conseil d'administration.

Ingingo ya 8: Inshingano z'Inama y'ubutegetsi, iz'umuyobozi w'Inama y'ubutegetsi n'iz'Umukuru w'Ubuyobozi bukuru

Inshingano z'impande zitandukanye zivugwa aha zigamije gushingirwaho ariko na none ntizigomba gufatwako ari inshingano zose z'uruhande uru n'uru kuko hari izitagaragaramo. Kugira ngo hirindwe gushidikanya uko ari ko kose, abagize Inama y'ubutegetsi bagomba gukorera hamwe kandi na muntu n'umwe mu bagize Inama y'ubutegetsi ushobora gushyiraho politiki ubwe cyangwa andi mabwiriza atabanje kubigeza ku Nama y'ubutegetsi mu nama yayo kugira ngo ibijyeho impaka kandi byemerwe na buri wese mu bagize Inama y'ubutegetsi.

Inshingano z'Inama y'ubutegetsi ni izi zikurikira:

i. kuyobora neza sosiyete, gushyiraho ingamba z'igihe kirekire, guha ubuyobozi bwa sosiyete amabwiriza no gukora ku buryo sosiyete igira abakozi n'imari bikenewe kugira ngo ishyire mu bikorwa intego yihaye;

ii. gukora ku buryo sosiyete igira imigenzurire inoze kandi nyayo ituma ibibazo sosiyete ishobora guhura na byo bisuzumwa kandi bigakemurwa

Article 8: Role of the Board, Chairman and Chief Executive Officer

The role of the various parties outlined here provide guidance and should not be taken as a comprehensive list of all the duties and responsibilities of such party, For the avoidance of doubts, the Board acts collectively and no individual director can seek to issue policies or other directions without first raising such policy or direction at a Board meeting and discussing the policy or direction and getting the consensus of all.

The Board's role is to:

i. provide entrepreneurial leadership, set strategic aims, provide direction to the Management, and ensure that the necessary financial and human resources are in place for the company to meet its objectives;

ii. ensure that a framework of prudent and effective internal controls which enables risk to be assessed and

Article 8: Rôle du Conseil d'administration, du Président du Conseil d'administration et du PDG

Le rôle des différentes parties énoncées ici est donné à titre exemplatif et ne doit pas être considéré comme une liste exhaustive de tous les devoirs et les responsabilités desdites parties. Pour éviter toute confusion, le Conseil d'administration agit collectivement et aucun administrateur individuel peut chercher à établir une politique ou tout autre directive sans soulever d'abord cette politique ou directive lors d'une réunion du Conseil d'administration qui doit discuter de cette politique ou directive et parvenir à un consensus de tous ses membres au sujet de cette politique ou directive.

Le rôle du Conseil d'administration consiste à:

i. assurer un leadership entrepreneurial, fixer des objectifs stratégiques, fournir une orientation à la Direction et veiller à ce que les ressources financières et humaines nécessaires soient en place pour permettre à la société d'atteindre ses objectifs;

ii. veiller à la mise en place d'un cadre de contrôles internes prudentes et efficaces qui permet l'évaluation et la

kandi igakurikirana kandi igasuzuma imigendekere myiza y'iyo migenzurire yashyizweho;

iii. gusuzuma imikorere y'ubuyobozi bwa sosiyete no kugena imishahara n'ibihembo bigenerwa abari muri ubwo buyobozi;

iv. gushyiraho indangagaciro n'ibipimo ngenderwaho bya sosiyete no gukora ku buryo inshingano ifite ku banyamigabane no ku bandi bantu zumvikana neza kandi zikubahirizwa;

v. gukora buri gihe igamije inyungu za sosiyete n'iz'abanyamigabane bose;

vi. kumenyekanisha ububasha bwo gufata ibyemezo ku bibazo biyireba iba yeguriye imwe mu makomisiyo ayigize cyangwa ubwo iba yeguriye ubuyobozi bwa sosiyete.

Zimwe mu nshingano z'abagize Inama y'ubutegetsi basanzwe n'abagize Inama y'ubutegetsi bigenga ni izi zikurikira:

i. gusuzuma ku buryo bwimbitse inyandiko zose za ngombwa z'Inama y'ubutegetsi kugira ngo bamenye neza ibikorwa by'ubucuruzi bya sosiyete n'imikorere y'Ubuyobozi bwa sosiyete;

ii. kunenga mu buryo bwubaka ku birebana n'umurongo w'ibikorwa

managed is established, and monitor and assess the effectiveness of such internal controls established;

iii. review Management performance and determine its remuneration; and

iv. set the company's values and standards, and ensure that obligations to shareholders and other stakeholders are understood and met;

v. always act in the best interests of the company and shareholders as a whole;

vi. If authority to make decisions on certain board matters is delegated by the Board to any Board Committee or to Management, such delegation should be disclosed.

The non-executive and independent directors' role include the following:

i. review all relevant Board papers to acquire a thorough understanding of the company's business and Management's performance;

ii. constructively challenge the company's

maitrise des risques, et suivre et évaluer l'efficacité de ces contrôles internes mis en place;

iii. examiner les performances de la Direction et déterminer sa rémunération;

iv. définir les valeurs et les normes de la société et s'assurer que les obligations envers les actionnaires et autres intervenants sont comprises et respectées ;

v. toujours œuvrer dans le meilleur intérêt de la société et des actionnaires dans leur ensemble ;

vi. Si le Conseil d'administration délègue le pouvoir de prendre des décisions sur les questions le concernant à l'une de ses Commissions ou à la Direction, une telle délégation doit être communiquée.

